Urwego rw'umurimo	Mu cyaro/ Frw	Mu mijyi y'uRwanda/ Frw	Mu mujyi wa Kigali/ Frw
Abacuruzi badafi-te amaduka, abanya-bukorokori bakora imirimo icirirtse	4.000	6.000	8.000
Abatwara abantu n'ibintu ku mapikipiki	8.000	8.000	8.000
Ibindi binyabiziga byose uretse igare	40.000 ku kinyabiziga	40.000 ku kinyabiziga	40.000 ku kinyabiziga
Imirimo yo gutwara abantu n'ibintu mu mato afite moteri	20.000 buri bwato	20.000 buri bwato	20.000 buri bwato
Indi mirimo ibyara inyungu	20.000	30.000	40.000

Igipimo cy'umusoro w'ipatanti ku bucuruzi bufite igicuruzo rusange ku mwaka kirenga miliyoni makumyabiri (20.000.000 Frw)

Amafaranga yacurujwe umwaka ushize (Frw)	Umusoro w'ipatanti wishyurwa
Kuva ku 1 kugeza kuri 40.000.000	60.000 Frw
Kuva kuri 40.000.001 kugeza kuri 60.000.000	90.000 Frw
Kuva kuri 60.000.001 kugeza kuri 150.000.000	150.000 Frw
Hejuru ya 150.000.000	250.000 Frw

Imenyekanisha ry'Umusoro w'Ipatanti

Iyo umusoreshwa akorera ibikorwa by'ubucuruzi mu mashami atandukanye, imenyekanisha rikorwa ku cyicaro gikuru no kuri buri shami;

Iyo hari ishami ridafite igicuruzo cyangwa ridashobora kugaragaza igicuruzo cyaryo, umusoro w'ipatanti umenyekanishwa hashingiwe ku gicuruzo cy'icyicaro gikuru;

Iyo umusoreshwa akorera ibikorwa by'ubucuruzi bitandukanye mu nyubako zitandukanye, buri gikorwa cy'ubucuruzi gikorerwa imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti;

Iyo ubucuruzi bumwe bugizwe n'ibikorwa byinshi bikorwa n'umuntu mu nyubako imwe, hakenerwa icyemezo kimwe kigaragaza ko umusoro w'ipatanti wishyuwe, hagakorwa n'imenyekanisha ry'umusoro rimwe kuri ibyo bikorwa byose by'ubucuruzi;

Iyo ubucuruzi bukorerwa ku butaka bwambukiranya imbibi z'Akarere, umusoreshwa amenyekanisha umusoro w'ipatanti muri buri Karere akoreramo.

Kwishyura Umusoro w'Ipatanti

Umusoro w'ipatanti wishyurwa bitarenze tariki ya 31 Mutarama y'umwaka w'isoresha.

Iyo umusoro udatanzwe ku gihe, Urwego rusoresha rushobora guhagarika ibikorwa by'ubucuruzi;

Umusoro w'Ipatanti usonewe:

Inzego Leta zidakora ibikorwa by'ubucuruzi;

Ibigo by'ubucuruzi bito n'ibicirirtse mu myaka ibiri (2) ya mbere ikurikira ishingwa ryabyo.

Ibijyanye n'itangwa, kumanikwa, kwerekana n'isimburwa ry'icyemezo cy'umusoro w'Ipatanti:

Umusoreshwa afite inshingano yo kugaragaza icyemezo cy'uko yishyuye umusoro w'Ipatanti aho akorera ibikorwa by'ubucuruzi bwe;

Kuterekana Icyemezo bihanishwa Ihazabu ya 10,000 Frw.

Nyuma yo kwishyura umusoro w'ipatanti, urwego rusoresha rutanga icyemezo kigaragaza ko umusoro w'ipatanti watanzwe ujyanye n'umwaka w'isoresha.

3. UMUSORO KU NYUNGU Z'UBUKODE

Umusoro ku nyungu z'ubukode wakwa ku nyungu umuntu ku giti cye cyangwa undi muntu wese utishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete abona iturutse ku bukode bw'umutungo utimukanwa uri mu Rwanda.

Uko umusoro ubarwa:

i) Iyo nta deni rya banki: 50% niyo isoreshwa. Inyungu z'ubukode zisoreshwa ziboneka hamaze kuvanwaho 50% ku nyungu mbumbe, afatwa nk'amafaranga yo gufata neza uwo mutungo ukodeshwa.

ii) Iyo uwo mutungo utimukanwa wabonetse ku nguzanyo ya banki, inyungu z'ubukode zisoreshwa zigaragazwa havanwa 50% ku nyungu mbumbe afatwa nk'amafaranga yo gufata neza uwo mutungo ukodeshwa, hongeweho inyungu nyakuri ku nguzanyo ya banki ijyanye n'umwaka usoreshwa bashingiye ku bimenyetso umusoreshwa yagaragaje ko yishyura banki.

Asigaye abarwaho umusoro mu buryo bukurikira:

Ubukode busoreshwa (Frw)	Igipimo
Kuva kuri 0 kugeza kuri 180,000	0%
Kuva ku 180,001 kugeza kuri 1,000,000	20%
Hejuru ya 1,000,000	30%

Itariki yo kumenyekanisha no kwishyura umusoro

Umusoro ku nyungu z'ubukode ubarwa, umenyekanishwa kandi ukanishyurwa mu rwego rusoresha bitarenze 31 Mutarama y'umwaka ukurikira igihe cy'umusoro kirebwa n'umusoro wishyurwa.

Ibyerekeye amasezerano y'ubukode

Amasezerano y'ubukode y'ukuri yerekeye umutungo utimukanwa, agomba gukorwa mu nyandiko kandi ariho umukono w'impande zombi, agashyikirizwa urwego rusoresha mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'itariki amasezerano yashyiriweho umukono.

Inyungu n'ibihano by'ubukererwe muri rusange:

Umusoreshwa utaratangiye umusoro ku gihe yishyura:

- ✓ **Inyungu z'Ubukererwe**: **1.5%** buri kwezi k'ubukererwe by'umusoro wari kwishyurwa;
- ✓ **Ibihano by'inyongera**: **10%** by'umusoro wari kwishyurwa ariko ntizirenge **100,000 Frw**;

Umusoreshwa utarakoze imenyekanisha ku gihe n'uwatanze amakuru atariyo yishyura **40%** by'umusoro ugomba kwishyurwa.

RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT
Kimihurura, KG 4 Ave 8
P.O.Box 3987 Kigali, Rwanda
3004 www.rra.gov.rw @rrainfo

RWANDA REVENUE AUTHORITY

DUSOBANUKIRWE N'ITEGEKO N° 75/2018 RYO KU WA 07/09/2018 RIGENA INKOMOKO Y'IMARI N'UMUTUNGO BY'INZEGO Z'IMITEGEKERE Y'IGIHUGU ZEGEREJWE ABATURAGE.

Ugushyingo, 2018

DUSOBANUKIRWE N'ITEGEKO N° 75/2018 RYO KU WA 07/09/2018 RIGENA INKOMOKO Y'IMARI N'UMUTUNGO BY'INZEGO Z'IMITE-GEKERE Y'IGIHUGU ZEGEREJWE ABATURAGE

Hagamijwe gukuraho imbogamizi zitandukanye zituma inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage zitabasha kwihaza mu mutungo wazo,

Hagamijwe kandi gukoresha umusoro mu kunganira izindi ngamba ziriho zigamije gushishikariza abatunze ubutaka kubukoresha neza icyo bwagenewe, guteza imbere ishoramari mu nyubako z'ubucuruzi n'iz'inganda bigahuzwa na gahunda ya "Made in Rwanda", hashyizweho itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage ryasohotse mu igazeti ya Repubulika y'u Rwanda No 44 yo kuwa 29/10/2018. Muri iri tegeko hagaragaramo imisoro itatu (3) ariyo ikurikira:

- Umusoro ku mutungo utimukanwa:
  - Umusoro ku nyubako (Building Tax)
  - Umusoro ku kibanza (Land Tax)
- Umusoro ku nyugu z'ubukode;
- Umusoro w'Ipatanti;

1. UMUSORO KU MUTUNGO UTIMUKANWA

Umusoro ku mutungo utimukanwa ubarwa kandi ugatangwa na nyir' umutungo, nyir'uburagizwe cyangwa undi muntu wese ufatwa nka nyir' umutungo.

Iyo Nyir'umutungo atuye mu mahanga, agena umuhagarariye uri mu Rwanda ariwe ubazwa inshingano za Nyir'umutungo;

Igihe inshingano zo gusora kuri Nyir'uburagizwe zitangirira igihe uburagizwe butangirira.

Umutungo utimukanwa uhuriweho n'abantu barenze umwe (1), bagena umwe ubahagarariye ariwe ubazwa inshingano za nyir'umutungo.

Iyo abahuriye ku mutungo batagennye ubahagarariye, inshingano zo gusora zirangizwa hagendewe ku mategeko agenga imitungo ihuriweho.

Ishingiro ry'Umusoro ku mutungo utimukanwa (Tax Base)

Umusoro ku mutungo utimukanwa ubarwa hashingiwe ka gaciro ku isoko k'inyubako n'ubuso bw'ikibanza:

a) Iyo Umutungo utimukanwa ugizwe n'Ikibanza n'Inyubako cyangwa ikindi kiyongerera agaciro:

Umusoro ku mutungo utimukanwa = Umusoro ku nyubako (agaciro kayo ku isoko) + Umusoro ku kibanza (Hashingiye ku buso bw'ikibanza).

b) Iyo umutungo utimukanwa ugizwe n'Ikibanza kitubatse, umusoro ubarwa ku buso bw'ikibanza kuri buri Metero kare.

Umusoro ku mutungo utimukanwa = Umusoro ku kibanza

Imitungo itimukanwa isonewe umusoro ku mutungo utimukanwa

a) Inyubako imwe (1) yo guturamo Nyirayo yagennye nk'icumbi rye n'umuryango we (gusa byumvikane neza ko iyi nzu idasonewe umusoro ku butaka).

b) Imitungo itimukanwa yahawe ibyiciro by'Abati-shoboye yemejwe n'Inama Njyanama;

c) Imitungo y'inzego n'Ibigo bya Leta, keretse iyo ikoreshwa imirimo ibyara inyungu;

d) Imitungo itimukanwa y'Ambasade z'Amahanga ziri mu Rwanda iyo nabo amategeko yo mu bihugu byazo asonera imitungo y'u Rwanda;

e) Ubutaka bukorerwaho ubuhinzi n'ubworozi butarenze 2ha;

f) Ubutaka bugenewe kubakwaho amazu yo guturamo ariko nta bikorwa remezo by'ibanze byahashyizwe;

NB: Iri tegeko riteganya kandi ko ubu busonerwe bubarwa buri gice cy'umutungo cy'umuntu ku giti cye mu bice bigize isangiramutungo ku nyubako;

Igihe cyo kugena Agaciro k'Umutungo utimukanwa

- ✓ Itariki yo kugena agaciro k'umutungo utimukanwa ni Tariki ya 01 Mutarama;
- ✓ Icyiciro cyo kugena agaciro (assessment cycle) ni Imyaka itanu (5);
- ✓ Guhindagurika kw'agaciro ku isoko muri rusange hagati y'ibyiciro bibiri by'igenagaciro ntibituma habaho guhindura agaciro kagenwe mbere y'uko icyiciro kirangira; Keretse iyo agaciro k'umutungo ubwawo gahindutse.

Uburyo bukoreshwa mu kugena agaciro n'umugenagaciro wemewe:

1) Agaciro katanzwe mu myaka itanu ishize iyo nta mpinduka zirenze 20%;
2) Agaciro k'ubuguzi bw'umutungo utimukanwa mu myaka itanu (5) ibanza ku isoko ryisanzuye kandi nta mpinduka irenze 20%;
3) Agaciro kagenwe n'Umugenagaciro ubifitiye ububasha;
4) Agaciro kagenwe n'Ikoranabuhanga Rusange rifasha kugena agaciro k'imitungo itimukanwa mu buryo rusange.

Ibipimo cy'umusoro ku nyubako (Tax Rate)

Ibipimo by'umusoro ku mutungo utimukanwa ku nyubako biteye ku buryo bukurikira:

- ✓ 1% by'agaciro ku isoko k'inyubako yagenewe guturwamo;
- ✓ 0.5% by'agaciro ku isoko k'inyubako yagenewe ubucuruzi;
- ✓ 0.1% by'agaciro ku isoko k'inyubako zagenewe Inganda, ibigo by'ubucuruzi buto n'ubucirirtse;
- ✓ 0.1% by'agaciro ku isoko k'izindi nyubako zagenewe ibindi bitari mu byiciro byavuzwe haruguru.

Ikurikizwa ry'igipimo cy'umusoro ku nyubako

Ubwoko bw'Inyubako	Umwaka wa 1	Umwaka wa 2	Umwaka wa 3	Guhera ku mwaka wa 4
Inyubako zo guturamo	0.25%	0.50%	0.75%	1%
Inyubako z'Ubucuruzi	0.20%	0.30%	0.40%	0.50%
Inyubako z'Inganda n'iz'ibigo by'ubucuruzi buto n'ubucirirtse	0.10%	0.10%	0.10%	0.10%
Izindi nyubako	0.10%	0.10%	0.10%	0.10%

Agaciro gasoreshwa kagomba kuzamurwa kakagezwa ku gihumbi (1.000 Frw) gikurikira mu mafaranga y'u Rwanda

Imenyekanisha ry'umusoro ku mutungo utimukanwa rikorwa n'umusoreshwa :

Umusoreshwa amenyekanisha umusoro ku mutungo utimukanwa bitarenze tariki ya 31 Ukuboza y'umwaka wa mbere w'icyiciro cy'isuzuma;

Imenyekanisha rishya ry'agaciro k'inyubako rikorwa bitarenze tariki ya 31 Ukuboza k'Umwaka wa nyuma wa buri cyiciro;

Iyo habaye inyongeragaciro k'inyubako karenze 20% hagati mu cyiciro cy'isuzuma, umusoreshwa asabwa kumenyekanisha agaciro gashya bitarenze ukwezi kumwe.

Inyubako zigeretse zo guturwamo zifite kuva ku magorofa ane habariwemo n'ari munsi y'ubutaka zigabanyirizwa igipimo cy'umusoro ku kigero cya 50% by'igipimo gisanzwe.

Kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa

Umusoro ku mutungo utimukanwa ubarwa kandi ugatangwa na nyir'umutungo, nyir'uburagizwe cyangwa undi muntu ufatwa nka nyir' umutungo utimukanwa bitarenze 31 Ukuboza buri mwaka.

Igipimo cy'umusoro ku kibanza

- ✓ Umusoro ku kibanza ushyirwaho n'Inama Njyanama hagati ya [0Frw-300Frw/sqm];
- ✓ Igipimo cyashyizweho n'Inama Njyanama kiyongeraho 50% kuri buri Metero kare irenga ku gipimo fatizo cy'ikibanza cyagenwe;
- ✓ Ku kibanza kitubatswe, igipimo cyashyizweho n'Inama Njyanama kiyongeraho 100% kuri buri Metero kare.
- ✓ Igipimo cy'umusoro w'inyongera cya 50% ntikireba ikibanza gitanzwe n'uwakibonye mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa.

2. UMUSORO W'IPATANTI

Inshingano yo kwishyura, igihe cyo kwishyura, n'itariki ntarengwa yo kumenyekanisha kwishyura umusoro

Umusoro w'ipatanti wishyurwa n'umuntu wese buri hantu atangije igikorwa cy'ubucuruzi mu Karere;

Igihe cy'umusoro w'ipatanti gitangira ku itariki ya mbere Mutarama kikarangira ku itariki ya 31 Ukuboza;

Umusoreshwa wese ageza imenyekanisha ry'umusoro w'ipatanti ku rwego rusoresha bitarenze itariki ya 31 Mutarama y'umwaka uhwanye n'igihe cy'isoresha.

Igipimo cy'umusoro w'Ipatanti:

Inama Njyanama y'Akarere igena buri mwaka ahafatwa nk'icyaro cyangwa nk'umujyi.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ibipimo by'umusoro w'Ipatanti haba mu cyaro, ahafatwa nk'umujyi no mu mijyi.